Our Ref: 377/RRA/CG/RDT/2024 Date: 25 MARS 2024

Your Ref: ......................

**IBWIRIZA RYA KOMISERI MUKURU**

Nshingiye ku Itegeko nº 048/2023 ryo kuwa 05/09/2023 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

Nshingiye kandi ku Itegeko nº 049/2023 ryo kuwa 05/09/2023 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, cyane cyane ibivugwa mu ngingo ya 8 igika cya 1 (iii) kivuga kugukodesha cyangwa gutanga uburenganzira bwo kuba mu nzu yagenewe guturwamo n'umuntu umwe hamwe n'umuryango we hakuwemo amahoteli n'andi macumbi akodeshwa ba mukerarugendo igihe cyose ubwo burenganzira bwo kuyituramo mu gihe kidahagarara burengeje iminsi 90;

Nshyizeho ibwiriza rikurikira:

Abantu bose bafite amazu agenewe guturwamo akaba akodeshwa kandi akoreramo ibikorwa by'ubucuruzi. Urugero:

1) Restaurant n'Akabari;
2) Amavuriro na farmasi;
3) Ibiro hamwe n'Amaduka acururizwamo;
4) Indi mirimo ikorerwa muri ayo mazu yo guturamo, inyuranyije n'ibivugwa mugika cya 1 (iii) cy'ingingo ya 8 y'itetegeko nº 049 ryo kuwa 05/09/2023 ryavuzwe haruguru.

Ko abantu bafite izo nyubako bafite inshingano zo gutanga inyemezabuguzi zitanzwe n'imashini y'ikoranabuhanga (EBM), kandi ko abo banyiri amazu yavuzwe haruguru, bujuje ibisabwa biteganywa n'amategeko ko bagomba kwiyandikisha k'umusoro ku nyongeragaciro.

Abo bireba bose basabwe kubyubahiriza.

Murakoze,

RWANDA REVENUE AUTHORITY * C.G RRA C.G P.O. BOX 3987 KIGALI

**BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal**

**Komiseri Mukuru**